**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA GASABO**
**Website : www.gasabo.gov.rw**
**Email : info@gasabo.gov.rw**
**P O BOX 7066 KIGALI.**

**Gasabo, ku wa 18 /12 /2017**
**Ref.No : 052/07.01.02 NJYG/2017**

CITY OF KIGALI
18 DEC 2017
RECEIVED

DISTRICT DE GASABO
BUREAU RECEPTION
18/12/2017

Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
**KIGALI**.

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 11/12/2017

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 11 Ukuboza 2017.

Mugire amahoro.

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo.

**Bimenyeshejwe**:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo.

**KIGALI.**

## IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 11 UKUBOZA 2017

Ku wa mbere tariki ya 11 Ukuboza 2017 saa mbiri n'iminota mirongo itatu n'itanu za mu gitondo (08h35') mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gasabo hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 25 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama :**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREGA Diogène (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama KAREMERA Francis (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BUCYANA André
5. Umujyanama GAHAMANYI Edouard.
6. Umujyanama KAMILI KAREGYE
7. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
8. Umujyanama KWIZERA KIVUYE Anitha
9. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
10. Umujyanama MUGABO Anne
11. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeannine
12. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
13. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
14. Umujyanama MUSSOLINI Eugene
15. Umujyanama Dr MUYOMBANO Aimé
16. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
17. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
18. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
19. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
20. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
21. Umujyanama RWIHUNDA Fred
22. Umujyanama SHEMA N. Fabrice
23. Umujyanama UMUTONI Flora
24. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise
25. Umujyanama ZIHIGA Faustin

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
2. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
3. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
4. Umujyanama MUTONIWASE Sophie
5. Umujyanama UMUKUNZI Paul

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Bwana INGABIRE Augustin (Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo);
2. Bwana BAGARAGAZA Boniface (Umuyobozi w'Ishami ry'igenamigambi mu Karere);
3. Bwana SIMPENZWE Thomas (Umukozi ushinzwe M&E mu Karere ka Gasabo);
4. Bwana MUSILIKARE Amandin (Umukozi ushinzwe Employment Developement mu Karere);
5. Madamu BENIMANA Bernadette (Constituency Affairs Officer).

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Abari mu nama bamaze kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yahaye ikaze abitabiriye, inama by'umwahariko Umujyanama KWIZERA KIVUYE Anitha n'Umujyanama Dr MUYOMBANO Aimé abifuriza ikaza mu Nama Njyanama abashimira ko bemeye kuza kwifatanya mu guharanira iterambere ry'Akarere ka Gasabo; nyuma ageza ku bitabiriye inama ingingo ziteganyijwe ku mrongo w'ibyigwa zikurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA.**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 01 Nzeri 2017;
2. Aho imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka 2017-2018 igeze ishyirwa mu bikorwa;
3. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2016-2017 na raporo y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018;
4. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere y'umwaka wa 2017-2018;
5. Raporo y'Inama y'Abaperezida mu Nama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo;
6. Raporo ya Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo;
7. Raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere ka Gasabo;
8. Raporo ya Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu Karere ka Gasabo;
9. Kuzuza Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere ka Gasabo;
10. Imyanzuro yafashwe mu mahugurwa k'ubumwe n'ubwiyunge na Ndi Umnyarwanda;
11. Ibintu n'ibindi.

Umuyobozi w'Inama Njyanama amaze kugeza ku bagize Inama Njyanama y'Akarere ingingo zari ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa, no kubamenyesha ko ingingo ya cumi Inama y'Abaperezida bemeje ko Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yayiteguye muri raporo yayo, ku bwumvikane busesuye abagize Inama Njyanama bemeza ko hasuzumwa ingingo zisigaye ku buryo bukurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 01 Nzeri 2017;
2. Aho imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka 2017-2018 igeze ishyirwa mu bikorwa;
3. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2016-2017 na raporo y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018;
4. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere y'umwaka wa 2017-2018;
5. Raporo y'Inama y'Abaperezida mu Nama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo;

6. Raporo ya Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo;
7. Raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere ka Gasabo;
8. Raporo ya Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu Karere ka Gasabo;
9. Kuzuza Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere ka Gasabo;
10. Ibintu n'ibindi: Ubusabane bw'Abajyanama

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 01 Nzeri 2017**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 01 Nzeri 2017 bayikorera ubugirorangingo, banareba uburyo imyanzuro yemejwe yashyizwe mu bikorwa ndetse bagezwaho n'ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse yemeza ko imyanzuro yafashwe ikwiye gushyirwa mu bikorwa hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza uretse umwanuro no 11.10.163 basabye ko waba uretse gushyirwa mu bikorwa hakabanza kugaragazwa inyandiko zose zashingiweho hemezwa ko imyenda yari yaganiriweho muri iyo nama ihanagurwa mu bitabo by'ibaruramari.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo nyandikomvugo, kuyikorera ubugororangingo no gusesengura ibikubiye mu ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse isubiza kuri iyo myanzuro, bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.01.168**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yo ku wa 01 Nzeri 2017, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kabiri</u>: Aho imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 igeze ishyirwa mu bikorwa**

Umuyobozi w'Inama yahaye umwanya Umuyobozi w'Akarere ageza ku bagize Inama Njyanama imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017- 2018 abagaragariza n'aho geze ishyirwa mu bikorwa. Yasobanuye ko imihigo y'Akarere igabanyije mu nkingi eshatu ndetse agaragaza imihigo iri muri buri nkingi ndetse n'amafaranga azayigendaho. Hasobanuwe ko imihigo yose uko ari 86 ifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda 12,602,591,681; agaragaza ko imihigo iri mu nkingi y'ubukungu ari 56 izatwara amafaranga y'u Rwanda 8,127,803,415 bingana na 64,49%, iyo mu nkingi y'imibereho myiza ni 20 izatwara amafaranga y'u Rwanda 2,186,733,103 bingana na 17,35 % naho iyo mu nkingi y'imiyoborere myiza n'ubutabera ni imihigo 10 izatwara amafaranga y'u Rwanda 2,288,055,163 bingana na 18,16% by'igiciro cy'imihigo yose.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze kugezwaho imihigo yose y'Akarere ka Gasabo no kugaragarizwa aho igeze ishyirwa mu bikorwa, basanze imyinshi igeze ku rugero rushimishije, imwe muri yo yaramaze kweswa ndetse hari n'ikiri ku kigereranyo cyo hasi. Nyuma y'ibitekerezo bitandukanye ku mihigo ikiri ku gipimo cyo hasi hemejwe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.02.169**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye aho imihigo y'Akarere igeze ishyirwa mu bikorwa, yemeza ko Inama Njyanama igomba kuyisura bitarenze ukwezi kwa Mutarama 2018 bibanda cyane ku ikiri ku gipimo cyo hasi.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatatu: Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2016-2017 na raporo y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018**

**a. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2016-2017**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bari mu nama raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2016-2017, asobanura ko n'ubwo iyi raporo yatinze gushyikirizwa Inama Njyanama ngo yemezwe, umushinga wayo washyikirijwe inzego zibishinzwe mu gihe giteganywa n'amategeko kandi ko izongera ikoherezwa imaze kwemezwa n'Inama Njyannama. Maze aherako ageza ku bari bitabiriye inama y'Inama Njyanama ibikorwa byakozwe.

Umuyobozi w'Akarere yasobanuye ko iyi raporo y'ibikorwa byakozwe n'Akarere ka Gasabo mu mwaka wa 2016-2017 ikubiyemo ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama y'Akarere, ibyakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere, ibyakozwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere, ibyakorewe mu Mirenge, mu mashami no mu maserivisi akorera ku Karere. Agaragaza ko ibikorwa byinshi muri byo byari mu Mihigo y'Akarere ya 2016-2017 kandi byashyizwe mu bikorwa ndetse ko ibitararangiye byasubijwe mu mihigo y'Akarere ya 2017-2018 nk'uko bayigaragarijwe.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2016-2017, bamaze no kuyunguranaho ibitekerezo bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.03.170**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2016-2017, imaze kongerwamo ubugororangingo bwatanzwe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**b. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa by' Akarere ka Gasabo byakozwe mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018, asobanura ko ibikorwa byinshi biri mu mihigo y'Akarere ariko amenyesha abagize Inama Njyanama ko amafoto y'ibikorwa baza gusangamo atandukanye nayo babonye mu mihigo kubera ko bareba aho imihigo igeze bagaragarijwe amafota y'ibikorwa aho bigeze uyu munsi ariko muri iyi raporo y'igihembwe cya mbere haragaragara amafoto y'ibikorwa uko byari bigeze mu mpera z'ukwezi kwa Nzeri 2017. Ikindi yasobanuye ko iyi raporo ikubiyemo n'ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama y'Akarere, ibyakozwe na Komite Nyobozi

y'Akarere, ibyakozwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere, ndetse n' ibyakorewe mu Mirenge, mu mashami no mu ma serivisi akorera ku Karere.
Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo y'ibikorwa by'Akarere, y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018 no kuyunguranaho ibitekerezo bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.04.171**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018 imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

<u>Ingingo ya kane</u> : **Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere y'umwaka wa 2017-2018**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo yahawe umwanya amenyesha abagize Inama Njyanama ko hashingiwe ku biteganywa n'itegeko No.87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo ya 135 ivuga ku Nshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ko, agomba gusobanura buri mezi atatu (3) raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari imbere y'Inama Njyanama, maze ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'uburyo ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere y'umwaka wa 2017-2018 yakoreshejwe. Yatangiye yibutsa imiterere y'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 yemejwe ko ingana n'amafaranga y'u Rwanda 25,835,483,357 asobanura ko agomba guturuka mu butegetsi Bwite bwa Leta ari amafaranga y'u Rwanda 11,538,004,803 naho agomba kuzinjizwa n'Akarere angana n'amafaranga y'u Rwanda 14,297,478,554 aya akaba akubiyemo 11,099,748,712 azakomoka ku misoro n'amahoro, 2,197,729,842 yari kuri konti dusoza umwaka n'umwenda wa banki Akarere kemerewe gufata ungana n'amafaranga y'u Rwanda 1,000,000,000. Yagaragaje uburyo ayo mafaranga ateganywa kwinjira mu Karere ka Gasabo uko yateganyijwe kuzakoreshwa.

Ku birebana n'imyinjirize y'imari, ku mafaranga y'u Rwanda 11,099,748,712 Akarere ubwako kagombaga kwinjiza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagaragaje ko mu mezi atatu hari hamaze kwinjira agera kuri 918,381,841 kuri 783,451,890 yari ateganyijwe angana na 117%, ariko agaragaza ko kugeza ku wa 10 Ukuboza 2017 ayari amaze kwinjira agera kuri 1,855,896,258 kuri 2,959,012,743 yari ateganyijwe bingana na 62.72%. Ku mafaranga aturuka mu Butegetsi Bwite bwa Leta (earmarked transfers) yari ateganyijwe kwinjira mu gihembwe cya mbere agera kuri 1,877,803,608 ayinjiye ni amafaranga y'u Rwanda 1,615,997,892 bihwanye na 86%. Ikinyuranyo cy'amafaranga angana 261,805,516 atinjiye hasobanuwe ko byaturutse ku kuba hari amafaranga agenewe ibikorwa by'iterambere yasabwe mu Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi mu gihembwe cya mbere akaba ataratanzwe muri icyo gihembwe ariko hakaba hizewe ko azatangwa mu gihembwe cya kabiri cyangwa icya gatatu cy'umwaka wa 2017-2018.

Ku birebana n'uburyo amafaranga yinjiye yakoreshejwe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko hamaze gukoreshwa amafaranga y'u Rwanda angana na 2,711,272,821 kuri 25,835,483,357 ateganyijwe gukoreshwa bihwanye na 10.49 %. Agaragaza ko imikoreshereze y'ingengo y'imari ikiri hasi ugereranyije n'ingengo y'imari yose, ariko asobanura ko byatewe n'uko

amafaranga yinjizwa n'Akarere amenshi yinjira mu mpera z'igihembwe cya gatatu kandi na none bikaba byaratewe n'uko amafaranga aturuka mu Butegetsi Bwite bwa Leta atashoboye kwinjira yose mu gihembwe cya mbere.

Ku birebana n'imyenda Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko kugeza ku wa 30/9/2017 Akarere kari gafite imyenda ingana na 966,532,681 z'amafaranga y'u Rwanda ya ba rwiyemezamirimo bakoreye Akarere, ariko avuga ko kugeza tariki 6 Ukuboza 2017 akurikije facture zakiriwe, Akarere kari gafite imyenda igera 2,067,551,458 z'amafaranga y'u Rwanda maze agaragaza n'urutonde rw'aba nyirayo. Uretse abo Akarere kabereyemo imyenda, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yagaragaje n'ababereyemo imyenda Akarere ingana n'amafaranga 374,253,971 uturuka ku misoro n'amahoro bitishyuwe kugeza ku wa 30/9/2017 ndetse no kuri laptop zahawe abakozi bakaba batararangiza kwishyura umugabane wabo, asobanura ko bafite ingamba zo kubakurikirana kugira ngo bajye bishyura ku gihe.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere amaze kugaragariza abagize Inama Njyanama uko ingengo y'imari y'Akarere mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018 yakoreshejwe, yagaragaje ingamba bihaye kugira ngo izakoreshwe neza uko yemejwe.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho n'Umunyamabanaga Nshingwabikorwa w'Akarere raporo igaragaza uburyo ingengo y'imari yakoreshejwe kuva muri Nyakanga 2017 kugeza ku wa 30 Nzeri 2017, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 12.05.172 (a)**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018, isaba ko hakongerwa ingufu mu myinjirize y'amafaranga, bityo abo Akarere kabereyemo imyenda nabo bashobore kwishyurwa.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatanu</u> : Raporo y'Inama y'Abaperezida mu Nama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ko hashingiwe ku biteganywa n'Iteka rya Minisitiri n° 002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ingingo ya 51 ivuga ku nshingano z'Inama y'Abaperezida, asobanura ko nk'uko biteganywa n'agace ka gatatu k'iyo ngingo, Inama y'Abaperezida igeza ku Nama Njyanama imyanzuro yihutirwa yafashe mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), kugira ngo iyemeze, maze aherako amenyesha abari mu nama ko Inama y'Abaperezida yateranye ku wa 04 Ukuboza 2017 yasuzumye umushinga w' ibikorwa by'Ubukungu n'Iterambere ry'Akarere (Local Economic Development (LED) Strategy 2017-2014) by'Akarere ka Gasabo Yamenyesheje abari mu nama ko impamvu uyu mushinga wanyujijwe mu Nama y'Abaperezida byatewe n'uko utundi Turere twari twaramaze kuyemeza, kandi hashingiye ku Iteka twabonye haruguru avuga ko Inama y'Abaperezida yari ibyemerewe yayemeje.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yasobanuye ko umushinga wa LED Strategy wemejwe wiganjemo ibikorwa byo mu bukungu bigamije:

1. Guteza imbere ibikorwa by'Ubuhinzi n'Uworozi,
2. Guteza imbere ubucuruzi, ishoramari n'inganda;
3. Guteza imbere ubukerarugendo, imyidagaduro n'iterambere ry'ibikorwa remezo;
4. Kwegereza abaturage ingufu z'amashanyarazi n'ibikorwa by'Ikoranabuhanga (internet);
5. Gutunganya imihanda (iya kaburimbo, iy'amabuye n'iyibitaka mu duce tw'inkengero z'umugi.
6. Gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi havugururwa imiturire;
7. Guteza imbere Iterambere ry'imigi ndetse n'imiturire iyi gahunda;
8. Kubungabunga Ibidukikije no kongera amashyamba n'ibiti by'imirimbo

Asoza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko LED Strategy izamara imyaka irindwi (7), imishinga irimo izatwara 201,354,259,210 by'amafaranga y'u Rwanda, maze aha umwanya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu igeza ku bagize Inama Njyanama ibikubiye muri LED Strategy ya Gasabo.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bamaze kugezwaho LED Strategy y'Akarere ka Gasabo bashimye uburyo iteguye, bashima ko harebwe mu nkingi zose maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.06.173 (a)**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze gusuzuma ibiteganywa mu Iteka rya Minisitiri n°002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ingingo ya 51 ivuga ku nshingano z'Inama y'Abaperezida, ishingiye no ku myanzuro y'Inama y'Abaperezida yateranye ku itariki ya 04 Ukuboza 2017, imaze kugaragarizwa LED Strategy y'Akarere ka Gasabo yemejwe muri iyo nama, yashimye umwanzuro wihutirwa wemejwe n'Inama y'Abaperezida maze yemeza ibikorwa by'Ubukungu n'Iterambere ry'Akarere by'imyaka irindwi 2017-2024 (LED Strategy 2017-2014).

Uyu mwanzuro wemejwe n'abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatandatu : Raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama**

**4.1. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu**

Umwanditsi wa Komisiyo yahawe umwanya amenyesha abagize Inama Njyanama ko raporo agiye kubagezeho ikubiyemo ibyo Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye mu nama eshatu za Komisiyo zateranye ku wa 29 Nzeri 2017, ku wa 26 Ukwakira 2017 no ku wa 30 Ugushyingo 2017,avuga ko bikubiye muri izi ngingo zikurikira:

1. Umushinga wo kwimura abaturage batuye mu murenge wa Remera mu Midugudu ya Kangondo I, Kangondo II na Kibiraro I yo mu Kagari ka Nyarutarama;
2. Ingamba zo kongera umutungo w'Akarere;
3. Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 iri mu nkingi y'Ubukungu n'aho igeze ishyirwa mu bikorwa;
4. Ibiciro by'ubukode bw'Ubutaka bw'ahagenewe inganda n'ubucuruzi;
5. Kungurana ibitekerezo ku mushinga wa LED y'Akarere ka Gasabo

### 6.1.1. Umushinga wo kwimura abaturage batuye mu murenge wa Remera mu midugudu ya Kangondo I, Kangondo II na Kibiraro I yo mu Kagari ka Nyarutarama

Kuri iyi ngingo, umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yasuzumye umushinga yagejejweho na Komite Nyobozi y'Akarere wo kwimura abaturage batuye mu Murenge wa Remera mu Midugudu ya Kangondo I, Kangondo II na Kibiraro I yo mu Kagari ka Nyarutarama, asobanura ko umushoramari uzashyira mu bikorwa uyu mushinga ateganya kwimura aba abaturage akabimurira mu mazu bazahabwaho ingurane azubakwa mu Karere ka Kicukiro, mu Murenge wa Kanombe mu Busanza.
Asobanura ko Komisiyo yasanze umushinga wo kwimura abo baturage ari mwiza kuko abenshi batuye mu manegeka, ariko Komisiyo ikaba yarasabye ko hakubahirizwa ibiteganywa n'Itegeko no 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange cyane ibikubiye mu ngingo ya 6, iya 10 n'iya 35.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibyo Komisiyo yasuzumye ku birebana n'umushinga wo kwimura abaturage batuye Murenge wa Remera, Akagari ka Nyarutarama mu Midugudu ya Kangondo I, Kangondo II na Kibiraro I, nk'Umushinga w'inyungu rusange bashingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.05.172 (b)**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye umushinga wo kwimura abaturage batuye Murenge wa Remera, Akagari ka Nyarutarama mu Midugudu ya Kangondo I, Kangondo II na Kibiraro I, isaba ko hakubahirizwa ibisabwa biteganywa n'Itegeko no 32/2015 ryoku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu, kugira ngo Inama Njyanama ibone kwemeza ko abafite imitungo itimukanwa ahazakorerwa uwo mushinga bazimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange.

Uyu mwanzuro wemejwe n'abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 6.1.2. Ingamba zo kongera umutungo w'Akarere

Umwanditsi wa Komisiyo yagejeje ku bari mu nama ingamba Komisiyo yafashe zafasha Akarere ka Gasabo kongera umutungo w'Akarere ageza ku bitabiriiye inama bimwe mu bitekerezo abagize Komisiyo bagiye batanga, ariko avuga ko bigikusanywa kugira ngo hazakorwe umushinga bihurijwemo uzashyikirizwe Inama Njyanama. Agaragaza bimwe mu bitekerezo bimaze gutangwa bikurikira:

1. Inyubako nshya y'Akarere ya niveau 6 iri kubakwa harebwaho igice cyakodeshwa: kibyazwa umusaruro, kubera ko aho iyi nyubako ihereyeye hari amahirwe menshi yo kubona abahakorera ibikorwa bitandukanye bitabangamiye imirimo y'Akarere.
2. Kuba Akarere kashora imari muri Land Bank: aha hagurwa kandi hagatunganywa ubutaka, hagashyirwa ibikorwa remezo, hakabaho gushishikariza abashoramari kuhakorera ibikorwa bibyara inyungu.
3. Kuba hakubakwa Hoteli mu Mirenge ya Rutunga na Gikomero hari ubwiza nyaburanga nk'ikiyaga cya Muhazi hakaba no kw'isoko y'u Rwanda, naho hakaba hatuma ba mukerarugendo n'abandi bifuza kureba ibyiza nyaburanga bajya baza kubireba mu Karere ka Gasabo.
4. Master plan y'Akarere kacu ifite zones zitadukanye zagenewe inganda. Aha hakwiye gutunganywa, hakaba hakorera inganda ziciriritse, zitarabona ubushobozi bwo kugura ibibanza

muri Special Economic Zone (SEZ).

5. Gukodesha salles z'imirenge: Mu karere ka Gasabo hari Imirenge ifite inzu mberabyombi zajya zikodeshwa hagakorerwamo ibirori cg n'izindi gahunda mu gihe zitakoreshejwe cg atari mu minsi y'akazi. Izi salles zakongera ubushobozi bw'Imirenge zubatsemo.
6. Gushyiraho ingamba zo kumenya no gukurikirana abasoreshwa bose bo mu Karere kacu, ku buryo ibikorwa byose byo mu Karere bibyara inyungu byasoreshwa kandi ku gihe.

Umwanditsi wa Komisiyo yasobanuye kandi ko Abajyanama bagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, biyemeje gukomeza gusuzuma andi mahirwe yose ari mu Karere ka Gasabo, ashobora kubyazwa umusaruro, ubundi hakazakorwa inyigo y'uburyo byakorwa neza, iyi nyigo ikazashyikirizwa Inama Njyanama ikayemeza.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bamaze kugezwaho ibitekerezo bimaze gutangwa ku ngamba zo kongera umutungo w'Akarere, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.06.173 (b)**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye ibitekerezo bya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ku ngamba zo kongera umutungo w'Akarere, asaba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ko yakwihutisha uwo mushinga kuko Akarere ka Gasabo gafite amahirwe menshi, umushinga uzategurwa ukazahuzwa na LED Strategy ndetse n'indi mishanga y'Iterambere ry'Akarere.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 61.3. Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 iri mu nkingi y'Ubukungu n'aho igeze ishyirwa mu bikorwa

Umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yiyemeje kujya ihura n'abakozi b'Akarere bakurikirana imihigo y'Akarere iri mu nkingi y'Ubukungu mu nama za Komisiyo. Yasobanuye ko muri rusange imihigo igenda neza uretse umuhigo wo kubaka amazu 30 mu mudugudu w'Urukumbuzi, hakiri ikibazo gikomeye ku ishyirwa mu bikorwa ryawo, kuko umushoramari wagombaga gufatanya n'Akarere kuri uyu muhigo, hari izindi nzu yubatse mbere ariko zagaragaje ibibazo bitandukanye, uyu mushoramari akaba yarasabwe kubanza gucyemura ibi bibazo mbere yo gutangira undi mushinga. Iki kikaba ari ikibazo gikomeye, kibangamiye ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo. Ikindi Umwanditsi wa Komisiyo yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo iteganya gusura imihigo yose muri uku kwezi kwa Mutarama 2018.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho uburyo Komisiyo yakurikiranye imihigo yo mu nkingi y'ubukungu, bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.07.174**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye gahunda ya Komisiyo yo gusura Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 isaba ko iyi gahunda yategurwa neza Abajyanama bose bakayitabira kugira ngo hasurwe imihigo yose aho iherereye mu Mirenge, maze hatangwe inama z'uburyo yashyirwa mu bikorwa aho zikenewe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 6.1.4. Ibiciro by'ubukode bw'Ubutaka bw'ahagenewe inganda n'ubucuruzi

Kuri iyi ngingo Umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejejweho n'Umuyobozi w'Ishami ry'Imari mu Karere umushinga usaba ko hagenwa ibiciro by'bukode bw'Ubutaka ahagenewe inaganda n'ubucuruzi mu Karere ka Gasabo, asobanura ko hashingiwe ku itegeko havugwa ko ubutaka bukorerwaho imirimo ijyanye n'Inganda n'ubucuruzi haba mu mujyi ndetse no munkengero zawo zajya zitanga amahoro ku bukode bw'ubutaka kimwe no mu gice cy'umugi, asobanura ko Komisiyo imaze kurisuzuma yasanze mu Karere Gasabo bajya bishyura ubukode bw'ubutaka bungana n'amafaranga 80 y'amanyarwanda kuri $m^2$. Maze asaba Inama Njyanama ko yabyemeza.

**Umwanzuro N° 12.08.175**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze gusuzuma ibyasabwe na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, ishingiye no kubiteganywa n' Iteka rya Perezida n°25/01 ryo ku wa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze mu ngingo ya 9, yemeje ko abafite ubutaka bukorerwaho ibikorwa by'ubucuruzi n'inganda mu mugi no mu nkengero z'umugi (ahafatwa nk'icyaro) bwishyurirwa amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka yakwa buri mwaka angana n'amafaranga y'u Rwanda 80 kuri $m^2$.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 6.1.5. Kungurana ibitekerezo ku mushinga wa LED y'Akarere ka Gasabo

Umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yemenyesheje abari mu nama ko yakurikiranye itegurwa ry'umushinga wa LED Strategy, uwo mushinga Komisiyo ikaba yarawushyikirije Inama y'Abaperezida ikawemeza nk'uko babigaragarijwe muri raporo y'Inama y'Abaperezida kandi ukaba wemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere.

### 6.2. Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'ibyo Komisiyo yakoze mu nama zayo zateranye ku wa 25 Nzeri 2017, ku wa 25 Ukwakira 2017, ku wa 21 Ugushyingo 2017 n'imyanzuro y'inama yahuje abagize Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage mu Turere tugize Umujyi wa Kigali ikeneye kugezwa ku Nama Njyanama asobanura ko bikubiye ku ngingo zikurikira:

1. Ishyirwa mu bikorwa ry' imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 irebana n'inkingi y'Iterambere y'imibereho Myiza;
2. Raporo ya Minimum Package Graduation (MPG) n'iya Direct support (DS);
3. Raporo y'ibyavuye mu isura ry'amavuriro;
4. Imyanzuro y'inama yahuje abagize Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage mu Turere tugize Umujyi wa Kigali.

### 6.2.1. Ishyirwa mu bikorwa ry' imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 irebana n'inkingi y'Iterambere y'Imibereho Myiza

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yihaye gahunda yo guhura n'abakozi bakurikirana imihigo yo mu nkingi y'imibereho myiza, asobanura ko muri rusange bagaragarijwe ko hari imbogamizi ziri mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyo mihigo by'umwihariko izo imbogamizi akaba ari izo kuba ingengo y'imari itaraboneka n'izindi mpamvu zinjyanye no kubahiriza gahunda y'itangwa ry'amasoko. Yakomeje atanga urugero mu gusana amazu y'abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, ndetse nokubaka amashuri. Komisiyo yasabye Inama Njyanama kwemeza ko abakozi bakangurirwa umuco wo kujya bakora isobanurampamvu mu nyandiko ( concept note) n'ibindi bisabwa, bikagezwa kuri Komite Nyobozi kugira ngo babihe umurongo mu gihe bagitegereje ko inzitizi bafite zibonerwe igisubizo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho icyifuzo cya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yunguranye ibitekerezo maze yemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 12.09.176**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abakozi bakangurirwa kugira umuco wo kujya bakora isobanurampamvu mu nyandiko ( concept note) n'ibindi bisabwa ku gihe, bikagezwa kuri Komite Nyobozi kugira ngo nayo ibahe umurongo ukwiye hatagize ibikorwa bidindira kubera impamvu runaka itamenyekanye ku gihe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 6.2.2. Raporo ya Minimum Package Graduation (MPG) n'iya Direct support (DS)

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imbereho Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko Komisiyo yagaragarijwe kandi isuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya MPG izakorerwa mu Murenge wa Nduba n'uburyo inkunga y'ingoboka igezwa k'ubo igenewe. Asobanura ko Komisiyo yishimiye ko ibyari biteganyijwe mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017-2018 byashoboye kugerwaho ku buryo bushimishije ariko baterwa n'impungenge n'imbogamizi zikurikira ku ishyirwa mu bikorwa ry'izo gahunda:

1. Kuba hari inshike zidafite ubushobozi bwo kumenya ko inkunga bagenerwa yageze kuri konti zabo, abakorerabushake babitaho bagatwarwa n'imirimo yabo ya buri munsi bityo inkunga bagenerwa ntibagereho ku gihe ngo igire icyo ibamarira kandi yatanzwe.
2. Kuba umukozi umwe uri ku rwego rw'Umurenge ushinzwe imibereho myiza adashoboye wenyine gukurikirana gahunda zose zo guteza imbere abaturage zimiro PW, ePW, DS VUP FARG, RDRC, MPG n'ibindi ;
3. Kuba ubufasha buhabwa abagenerwa bikorwa ba MPG budahagije kugira ngo hazabeho graduation mu gihe giteganyijwe.

Perezida wa Komisiyo amaze kugaragaza impungenge n'imbogamizi zituma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta zigamije gukura abaturage mu bukene zitagenda neza yagaragaje imyanzuro isaba ko Inama Njyanama ko yayemeza.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza kuri raporo ya Minimum Package Graduation (MPG) n'iya Direct support(DS), no kungurana ibitekerezo ku mbogamizi zituma izo gahunda zidafasha bihagije abaturage, hashingiwe no ku myanzuro Komisiyo yagaragaje, bunguranye ibitekerezo maze bemeza imyanzuro ikurikira :

**Umwanzuro N° 12.10.177**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi ko yakwiga uburyo abakozi bari ku Mirenge bakunganirana hagamijwe kugira ngo abagenerwa bikorwa bafashwa muri gahunda zateganyijwe zo gufasha abatishoboye barusheho kubona serivisi nziza.

**Umwanzuro N° 12.11.178**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye ko Komite Nyobozi y'Akarere gusesengura neza ubufasha buhabwa abantu bo muri MPG, ikareba ibindi byakongerwamo kugira ngo bafashwe, igihe cya graduation kizagere bamaze kugira aho bava n'aho bajya batazasubira inyuma.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22/ bari mu cyumba cy'inama.

**6.2.3. Raporo y'ibyavuye mu isura ry'amavuriro**

Perezida wa Komisiyo yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo y'isura ry'amavuriro yigenga n'ibigo nderabuzima Komisiyo yasuzumye, ageza ku bagize Inama Njyanama ibibazo byagiye bigaragara birimo kuba hari amavuriro cyangwa ibitaro bitujuje ibyangombwa, bifungirwa nyuma abagenzuye basubirayo bagasanga bene byo barifunguwe nta burenganzira bahawe, hamwe n'ikibazo cy'amavuriro akoresha imiti ikoreshwa gusa n'Abajyanama b'Ubuzima nk'ubwoko bumwe bwa coartem.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze kugezwaho ibyo Komisiyo raporo ya Komisiyo yagaragaje, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 12.12.179**

Inama Njyanama y'akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gusaba Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ko bagomba kongera imbaraga mu gukurikirana ko abafungiwe n'isuzuma (inspection) iryo ari ryo ryose bakiha uburenganzira bwo kongera gukora, bagaragazwa ubirenzeho agahanwa hakurikijwe amategeko. Hasabwe kandi ko abakoze isuzuma nabo bajya bamenyesha Imirenge n'Utugari abo bafungiye bari mu ifasi yabo, kimwe n'urwego rushinzwe Umutekano mu Karere (DASSO) kugira ngo bamenye abo bagomba gukurikirana.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**6.2.4. Imyanzuro y'nama yahuje abagize Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage mu Turere tugize Umujyi wa Kigali.**

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku bari mu nama ibyo Komisiyo z'Iterambere ry'Imbereho Myiza mu Nama Njyanama z'Uturere tugize Umujyi wa Kigali

n'iy'Umujyi wa Kigali bateranye kuwa 26 Ugushyingo 2017 basuzumye, abamenyesha barebeye hamwe inzitizi zijyanye no gushyira mu bikora gahunda zo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage harimo gahunda ya VUP, Ubudehe, FARG, imikorere y'ibigo by'amashuri n'iby'ubuzima, isuku n'isukura. Agaragariza abagize Inama Njyanama imwe mu myanzuro yafatiwe muri iyo nama asaba Inama Njyanama y'Akarere kuyifataho umwanzuro :

**Umwanzuro N° 12.13.180**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kugeza kuri Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage y'Inama Njyanama y'Akarere urutonde rw'incike ziri mu Karere ka Gasabo, kugira ngo Komisiyo itegure gahunda yo kuzisura no kumenya ubuzima zibayeho mu mibereho yabo ya buri munsi n'icyo bakeneye gufashwa.

**Umwanzuro N° 12.14.181**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye ko hagaragazwa amazu yahawe abafite ubumuga akeneye kuvugururwa kugira ngo hamenyekane ibikenewe kuri izo nzu, bizashyirwe mu ngengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

### 6.3 Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa bya Komisiyo abamenyesha ko ibyakozwe bikubiye mu ngingo zikurikira :

1. Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 iri mu nkingi y'Imiyoborere Myiza;
2. Gahunda y'Intore mu biruhuko;
3. Imihigo y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;
4. Inama yahuje Komisiyo z'Imiyoborere Myiza mu Nama Njyanama z'Uturere tugize Umujyi wa Kigali n'iy'Umujyi wa Kigali;
5. Raporo ku biganiro ku bumwe n'Ubwiyunge na ndi Umunyarwanda.

#### 6.3.1. Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 iri mu nkingi y'Imiyoborere Myiza

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abari mu nama uburyo Komisiyo ikurikira iyo mihigo mu nama za Komisiyo za buri kwezi bagahura n'abakozi bayishinzwe bakabagezaho aho iyi mihigo igeze, Komisiyo nayo ikabagira inama y'uburyo iyo mihigo yakwihutishwa. Yongeyeho ko hari n'ibikorwa bimwe biri mu mihigo Komisiyo yasuye birimo inyubako y'Akarere, no gusura ibigo Nderabuzima n'amavuriro hagamijwe kureba uburyo ibitabo by'irangamimerere byuzuzwa.

#### 6.3.2. Gahunda y'Intore mu biruhuko

Perezida wa Komisiyo yamenyesheje abari mu nama gahunda yateguriwe abana n'urubyiruko biga n'abatiga yiswe gahunda y'intore mu biruhuko. Asobanura ko iyo gahunda yo gutoza abo bana

n'urubyiruko iba gatatu mu cyumweru: ku wa mbere, ku wa gatatu no ku wa gatanu kuva saa munani (14h00) kugeza saa kumi (16h00). Ikindi yasobanuye ko abatozwa bahurizwa hamwe hakurikije ibyiciro by'imyaka yabo ku buryo bukurikira:

1. Abafite imyaka 7 kugera kuri 13
2. Abafite imyaka 14 kugera kuri 20
3. Abafite imyaka 21 kugera kuri 30

Perezida wa Komisiyo asoza asaba abagize Inama Njyanama ko buri Mujyanama yabigiramo uruhare bakajya basura abo bana aho bari mu Itorero.

**6.3.3. Imihigo y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko**

Perezida wa Komisiyo yageje ku bari mu nama Imihigo y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC) ku rwego rw'Akarere muri uyu mwaka wa 2017-2018, ni 19 ikaba igabanije mu nkingi 3: mu nkingi y'iterambere ry'ubukungu harimo imihigo 4, inkingi y' imibereho myiza harimo imihigo 7 naho mu nkingi y'imiyoborere myiza harimo imihigo 8.

**6.3.4. Inama yahuje Komisiyo z'Imiyoborere Myiza mu Nama Njyanama z'Uturere tugize Umujyi wa Kigali n'iy'Umujyi wa Kigali**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagejeje ku bari mu nama ibyagaragaye mu nama yahuje Komisiyo z'Imiyoborere Myiza mu Nama Njyanama z'Uturere tugize Umujyi wa Kigali n'iy'Umujyi wa Kigali yateranye ku wa 16/11/2017, asobanura ko muri iyo nama Komisiyo yagaragarijwe ibyavuye mu bugenzuzi bwakorewe Uturere ku mitangire ya serivisi n'uburyo inama z'iteganywa n'amategeko ziterana kuva ku rwego rw'Akarere kugeza ku Kagari.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibyagaragajwe n'ubugenzuzi bwakorewe Uturere ku mitangire ya serivisi no ku buryo inama ziteganywa n'amategeko ziterana, bunguranye ibitekerezo maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N° 12.15.182**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye ko hategurwa gahunda yo guhugura abayobozi batowe ku bireba n'inshingano zabo ndetse n'imikorere n'imikoranire y'inzego batoreweho. Kandi bagakangurirwa no kubahiriza ibiteganywa n'amategeko abagenga.

**Umwanzuro N° 12.16.183**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko hashyirwaho ibitabo byandikwamo abakoze umuganda ku rwego rw'Umudugudu, bigakoreshwa uko bikwiye aho bitari bakabihabwa kandi inzego zibishinzwe zikajya zigenzura uburyo bikoreshwa, kugira ngo abaturage batitabira umuganda bajye bamenyekana hubahirizwe ibiteganywa n'amategeko.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**6.3.5. Raporo ku biganiro ku bumwe n'Ubwiyunge na ndi umunyarwanda.**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yageje ku bitabiriye inama Njyanama raporo ku biganiro ku bumwe n'Ubwiyunge na Ndi Umunyarwanda, byahawe abagize Inama Njyanama mu mahugurwa bagize ku bufatanye bwa Alert International. Yasobanuye ko ayo mahugurwa yamaze iminsi ibiri, ndetse ageza ku Bajyanama batayitabiriye incamake y'ibiganiro bahawe n'imyanzuro abitabiriye amahugurwa bemeje ikurikira:

- Abitabiriye ibiganiro basanze ibiganiro byatanzwe byari bikenewe, ndetse ubumenyi babonye bagiye kubwifashisha mu Mirenge bazamukiyemo kugira ngo ibibazo byagaragaye bikemuke
- Abajyanama banabonye ko uburyo ubwiyunge bupimwa mu Rwanda bushingiye cyane cyane ku bipimo mbarurishamibare (quantitative indicators) aho kubihuza n' ibipimo qualitatif. Hifujwe ko hakongerwamo ibipimo bitabarisha imibare (qualitative indicators) byibanda kugutanga ibisobanuro birambuye.
- Abajyanama basabye ko ibiganiro nk'ibi byatangwa muri gahunda zose zihuza imbaga y'abaturage cyane cyane mu rubyiruko mu mashuri.
- Abajyanama basanze abarimu mu mashuri bakwiye gutegurwa neza kugirango bazashobore gushyira mu bikorwa gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge mu mashuri (peace education)
- Abajyanama babonye ko abantu benshi bagifite ibikomere bemera gukora ubuvugizi kugirango hashyirwemo imbaraga mu bijyanye no gukira ibikomere twasigiwe n'amateka
- Hagaragajwe ko amadini yagaragaweho ko afite imbaraga mu gukiza ibikomere no kubanisha neza abanyarwanda ariko abayobozi bayo nabo bakeneye amahugurwa kugirango babanze nabo bakire.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibiganiro ku bumwe n'ubwiyunge na Ndi Umunyarwanda abitabiriye amahugurwa bahawe, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.17.184**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komisiyo y'Imiyoborere Myiza kwiga uburyo buhamye bwakwiyongera kubwari busanzwe bukoreshwa kugirango gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge na Ndi Umunyarwanda bigere ku baturage bose

**Umwanzuro N° 12.18.185**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko mu ngengo y'imari y'Akarere hajya hongerwamo amafaranga yo kunganira ibikorwa by'ubumwe n'Ubwiyunge kuko atangwa na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge aba adahagije. Yemeje kandi ko Abajyanama baba ijisho ry'Ubumwe n'Ubwiyunge aho batuye.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya karindwi</u>: Raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere ka Gasabo.**

Pereida wa Komite Ngenzuzi yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama ibyo Komite yasuzumye bikubiye mu ngingo zikurikira:

1. Raporo y'ubugenzuzi bwakorewe amashuri kuri "capitation grant" bukozwe n'abagenzuzi bwite b' Akarere ku myaka ya 2014, 2015, 2016 n' ibihembwe 2 bya 2017;
2. Ibaruwa yanditswe n'Umujyi wa Kigali ku bijyanye n' imyenda isabirwa guhanagurwa mu bitabo by' ibaruramari;
3. Amanota y'isuzumabushobozi y'Abagenzuzi Bwite b'Akarere ku mwaka wa 2016-2017;
4. Ubusabe bwa Komite Nyobozi y'Akarere ku mukozi wo mu Bugenzuzi Bwite bw'Akarere.

### 7.1. Raporo y'ubugenzuzi bwakorewe amashuri kuri "capitation grant"

Perezida wa Komite Ngenzuzi yagejeje ku Nama Njyanama y'Akarere ibyagaragaye mu bugenzuzi bwakorewe ibigo by'Amashuri 48 byagenzuwe n'abagenzuzi bwite b' Akarere ku myaka ya 2014, 2015, 2016 n'ibihembwe 2 bya 2017asobanura ko bikubiye mu bice icyenda bikurikira:

1. Amafaranga 113,075,190 atarasabiwe ibigo by'amashuri 55 muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ajyanye na "Capitation grant" y'igihembwe cya kabiri 2017;
2. Amafaranga 15, 962,488 yishyuwe abanyeshuri 14,910 mu bigo by'amashuri 42 mu mwaka wa 2014, 2015, 2016 n' igihembwe cya mbere cya 2017 batize muri muri ibyo bigo.
3. Amafaranga y'ikirenga angana na 3,592,803 yishyuwe ibigo by'amashuri: EP GISOZI yabonye amafaranga 955,500 mu mwaka wa 2013, G.S KIMIRONKO I yabonye amafaranga 1,351,073 naho GS KIMIRONKO II ibona amafaranga 1,286,200 mu mwaka wa 2014 ;
4. Amafaranga 4,946,280 ya capitation grant yakoreshejwe ibikorwa bitandukanye n'ibyo yagenewe gukoreshwa mu bigo bya EP Gatsata I, G.S Jabana, EP Nyacyonga, EP Kigarama, G.S Gikomero, EP Kibara, EP Kacyiru I, G.S Rutunga, EP Gasabo, G.S Ruhanga, EP Mbandazi, G.S Kabuye, G.S Rubingo, EP Kibagabaga na G.S Rugando. Ibyo ayo mafaranga yakoreshejwe bitari biteganyijwe harimo kwishyura agahimbazamusyi k' abarimu, kwishyura imyambaro y'ishuri no gutanga amafaranga y' urugendo mu bikorwa byiswe urugendoshuri ariko hatagaragazwa icyo urugendoshuri rwari rugamije.
5. Amafaranga y'u Rwanda 390,355,303 yasohotse adafite inyandiko zihagije z'imikoreshereze yayo mu bigo mirongo ine na birindwi (47) kuri 48 byari byagenzuwe.
6. Amafaranga y'u Rwanda 23,810,830 yasohotse adafite impapuro nanke ziyasohora. Ibi byagaragaye mu bigo cumi na bine (14) aribyo GS Rubingo Frw 449,400 frw, EP Jali Frw 6,211,020, G.S Gikomero Frw 149,500, EP Kacyiru I Frw 275,000, EP Kibagabaga 563,500, G.S Rutunga Frw 634,050, EP Gasabo Frw 1,174,900, G.S Bumbogo 5,425,805, G.S Musave Frw 2,815,400, EP Karama Frw 556,500, EP Ngara Frw 2,193,230, G.S Kagugu Frw 3,110,525, G.S Rugando Frw 152,000 naho G.S Gatunga Frw 100,000.
7. Amafaranga angana na 12,383,134 y'imisoro ya VAT (18%) na WHT (3%) atakaswe ku bikorwa byishyuwe bingana na 135,886,346 frw ku bigo by' amashuri 34.
8. Amafaranga 80,930,944 yaguzwe ibikoresho bitakiwe « proforma » kandi bitatangiwe n'isoko mu bigo by'amashuri 18.
9. Amafaranga angana na 1,473,503 yahembwe abarimu icyenda (9) bahembwe batarigishije; Kubwimana Marie Chantal, Iyatumyavuka Hisiana, Uwitonze Marcelline, Sikubwabo Vincent, Uwamungu Emmanuel, Ntibatyalizwa Danniel, Habanashaka Anselme, Mapinduzi Alphonse na Nsengiyumva Emmanuel ariko batagaragara mu gitabo gisimywamo n'abarimu ku bigo bahemberwaho aribyo G.S Jabana, G.S Rwanyanza, G.S Rubingo, EP Cyuga, G.S Kimironko I, G.S Bumbogo na G.S Gasogi.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibibazo byagaragajwe muri raporo ya Komite Ngenzuzi k'ubugenzuzi bwakorewe amashuri kuri Capitation Grant, bamaze gusuzuma inama zatanzwe na Komite Ngenzuzi hemejwe imyanzuro ikurikira :

**Umwanzuro N° 12.19.186**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko amafaranga y'igihebwe cya II cy'umwaka w'amashuri wa 2017 atarasabiwe ibigo by'amashuri yakurikiramwa mu gihe cya vuba agasabwa akoherezwa kuri konti z' ibigo kugira ngo bibashe gukora ibikorwa yateganyirije. Inama Njyanama yameje ko umukozi w'Akarere ushinzwe kohereza "capitation grant" yasabwa ibisobanuro ku mpamvu yatumye aya mafaranga atasabwe ku gihe ngo yohererezwe ibigo by'amashuri.

**Umwanzuro N° 12.20.187**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko amafaranga y'ikirenga yoherere jwe ibigo by'amashuri nandi yahawe abarimu batigishije agomba kugaruka kuri konti y'Akarere bitarenze ukwezi kwa Gashyantare 2018. Umuyobozi w'ishami ry'Uburezi asabwa ko agomba gukurikirana uko aya mafaranga akagaruzwa kandi ntateze ikibazo mu myigire y'abana.

**Umwanzuro N° 12.21.188**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko amafaranga yasohotse adafite urupapuro na rumwe ruyasobanura, ibigo by'amashuri yagaragayeho bigomba gushaka izo mpapuro zikazashyikiriza Abagenzuzi Bwite b'Akarere bitarenze tariki ya 22 Ukuboza 2017, zitaboneka ababigizemo uruhare bakishyura ayo mafaranga.

**Umwanzuro N° 12.22.189**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ubuyobozi bw' ikigo cy' ishuri kifuza gukora urugendoshuri rw'abarimu, umuyobozi w' ikigo cy' ishuri agomba kuzajya abanza kwandikira Akarere asobanura iby' urwo rugendoshuri kugirango bahabwe uburenganzira bwo kurukora.

**Umwanzuro N° 12.23.190**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Utunama tw'Amasoko mu Mirenge twajya dufasha ibigo by'amashuri gutanga amasoko y'ibikoresho bikenewe mu mashuri cyangwa ibigo by'amashuri mw'igura ry'ibikoresho bikenewe bagakorana na ba rwiyemeza mirimo baba baratsindiye isoko ry'Umurenge iryo shuri ririmo kugira ngo hakurweho igura ry'ibikoresho by'amashulri mu buryo bunyuranije n'amabwiriza.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 7.2. Ibaruwa yanditswe n'Umujyi wa Kigali ku bijyanye n'imyenda isabirwa guhanagurwa mu bitabo by'ibaruramari

Perezida wa Komite Ngenzuzi yamenyesheje abari mu nama ko Komite yasuzumye ibikubiye mw'ibaruwa no 1186/07.01.10/17 yo 15/09/2017 yanditswe n'Umujyi wa Kigali isubiza myanzuro y'Inama Njyanama yo ku wa 01 Nzeri 2017, ku bijyanye n'umwanzuro No 11.10.163 wemeje imyenda igomba guhanagurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo, ageza ku bari mu nama ko Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yasabye ko umwanzuro wavuzwe haruguru waba uretse gushyirwa mu bikorwa, hakabanza kugaragazwa inyandiko zose zashingiweho mu kwemeza ko iyo myenda ihanagurwa muri ibyo bitabo. Perezida wa Komite Ngenzuzi asobanura ko Komite yasanze inyandiko zashingiweho hasabwa ko uwo mwenda uhanagurwa zigomba gushyikirizwa Umujyi wa Kigali kugira ngo hemezwe ko iyo myenda yakurwa mu bitabo by'ibaruramari nk'uko biteganywa n'Iteka rya Minisitiri No 001/16/10 TC ryo kuwa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza agenga ingengo y'imari mu ngingo yaryo ya 105 ivuga ku buryo bwo gusiba imitungo n'imyenda mu bitabo.

Abari mu nama bamaze kumenyeshwa na Komite Ngenzuzi ibyo Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwasabye kugira ngo imyenda yagaragajwe ihanagurwe mu bitababo by'ibaruramari by'Akarere, bamaze no gusuzuma neza impapuro ziri ku mugereka zashingiweho hasabwa ko iyo myenda yemejwe mu mwanzuro No 11.10.163 imaze igihe kirenze imyaka ibiri itishyurwa ikurwa mu bitabo by'ibaruramari zashyikirizwa Umujyi wa Kigali, bamaze no kureba ibiteganywa n'Iteka rya Minisitiri No 001/16/10 TC ryo kuwa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza agenga ingengo y'imari mu ngingo yaryo ya 105 ivuga ku buryo bwo gusiba imitungo n'imyenda mu bitabo bunguranye ibitekerezo ku byasabwe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali bemeza ko iyi myenda yasibwa ariko abayiberemo Akarere bagakomeza gukurikiranwa kandi n'abazagaragaza ibimenyetso bifatika by'uko Akarere kabafitiye imyenda bakaba bazishyurwa, nyuma hemezwa umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 12.24.191**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komite Ngenzuzi, irebana n'inama zatanzwe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, ishingiye kandi ku biteganywa n' Iteka rya Minisitiri No 001/16/10 TC ryo kuwa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza agenga ingengo y'imari mu ngingo yaryo ya 105 ivuga ku buryo bwo gusiba imitungo n'imyenda mu bitabo yemeje ko imyenda ikurikira yahanagurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ka Gasabo, ariko Akarere kagakomeza gukurikirana abagafitiye imyenda kandi n'abazagaragaza ibimenyetso bifatika by'uko Akarere kabafitiye imyenda bakaba bazishyurwa mu rwego rwo kwirinda ko hari uwarenganywa:

**a.**Umwenda w'amafaranga 462,728 wa Family Development ugaragara ko washyizwe mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere hagitangira ikoreshwa rya system ya IFMIS mu mwaka wa 2009-2010 bigaragara nk'aho Akarere kari gafitiye umwenda iyi company; ariko dushingiye ku nyandiko yandikiwe n'Akarere kuwa 16/05/2017 kamusaba kugaragaza inyemezabwishyu (Facture) kuri uyu mwenda. iyi company yasubije yemeza ko nta mpapuro ziwuhamya ifite.

**b.** Umwenda w'amafaranga 638,000 ukomoka ku mitungo yatejwe mu cyamunara mu gihe cy'inkiko Gacaca; aya amafaranga yashyizwe kuri konti n'umurenge wa Remera kuwa 22 /2 /2013 nyuma yuko asagutse mu kwishyura abangirijwe imitungo hagasaguka amafaranga angana na 638,000 ariko nyirayo ntayatware, dushingiye ku ibaruwa y'uwo murenge yemeza ko batazi uwagombaga kuyahabwa kandi nta muntu uraza kuyasaba kugeza ubu.

**c.** Umwenda w'amafaranga 20,765 ya Umutoni Annonciata, amafaranga 12,000 ya Bigirumuhiwa Elvis n'amafaranga 5,600 ya Dusabe Cyprien: Aya mafaranga aturuka ku misoro n'amahoro yari yarashyizwe kuri konti z'Akarere ka Gasabo kacyakira imisoro n'amahoro basanga barayashyize kuri konti zitarizo baza kuyasubizwa ariko ntiyabageraho kandi ntaburyo bwo kubabona bundi buhari.

**d.** Umwenda w'amafaranga 758,400 yari agenewe ishuri rya JOC yishyurirwa abana bizeyo mu mwaka wa 2014 ariko agaruka kuri konti, iki kigo Akarere kacyandikiye kagisaba ibisobanuro kuri aya mafaranga ariko basubiza bagaragaza ko nta mwenda Akarere ka Gasabo kababereyemo kandi ko n'abanyeshuri bagaragajwe ko bishyurirwaga ntabagaragara ku rutonde rwabize kuri icyo kigo mu mwaka wa 2013-2014;

**e.** Umwenda w'amafaranga 122,000 yari agenewe ikigo cyitwa SINAPISI nyuma agaruka kuri konti 06/10/2014, Akarere kakaba karagerageje gushaka amakuru kuri iki kigo dusanga ntikikibaho aho cyakoreraga hakaba hakorera ikindi cyitwa Saint Jacob, Abayobozi baho bakaba batarabashije kubona amakuru ajyanye n'uyu mwenda kandi bakaba bavuga ko iki kigo nta kikibaho;

**f.** Umwenda w'ámafaranga 499,500 yagarutse mu mwaka wa 2014 agaragara ko atageze ku ishuri ya Gacuriro Vocational training Center. Akarere kandikiye ikigo cya Gacuriro Vocational training Center kubijyanye n'uyu mwenda ariko basubiza bagaragaza ko nta mwenda Akarere kabafitiye mu ibaruwa banditse kuwa 13/06/2017;

**g.**Umwenda w'amafaranga 240,000 akomoka ku mashini (laptop) yahawe Haguminshuti Theogene wari Umujyanama w'Akarere muri 2013, nk'uko bigaragara mu myanzuro w'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 24 Mutarama 2014 umwanzuro wayo 24.07.362 Inama Njyanama yamukuye mu Bajyanama b'Akarere kubere ko yabuze, kandi kugeza ubu akaba ataraboneka.

**h.** Umwenda w'amafaranga yagombaga gufasha mu kwishyura Avocat waburanye urubanza aba bari abakozi b'Akarere batsinzwe bityo bacibwa amagarama y'urubanza mu mwaka wa 2010. Abo ni Mwebaze Johnson amafaranga 45,454, Sebera Francois amafaranga 45,454 na Rwigema Ferdinand amafaranga 45,454. Abo bari kumwe n'abandi bo barishyuye ariko aba batatu twavuze heruguru bagumya gushakishwa kugeza ubu hakaba harabuze amakuru yaho baherereye.

**i.**Umwenda ungana n'amafaranga 330,000. Aya ni amafaranga yaguzwe amakarita muri Tigo Rwanda muri 2014, TIGO Rwanda ihabwa sheki ariko bigaragara ko itishyuwe. Mu rwandiko Akarere kandikiye TIGO Rwanda gasaba ko iyo sheki igaruka mu mwaka wa 2016 ntabwo Akarere kahawe igisubizo; bityo rero kuko hashize igihe kinini kandi iyo sheki ikaba itakwishyurwa kuko yatakaje igihe cyayo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 7.3. Inama yahuje itsinda ry'Umurenge rishinzwe imicungire y'imari, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge na Komite Ngenzuzi y'Akarere yo ku wa 22/09/2017

Kuri iyi ngingo Perezida wa Komite Ngenzuzi yamenyesheje abari mu nama ko Komite Ngenzuzi yagiranye inama n'itsinda ry'Umurenge rishinzwe imicungire y' imari n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, ku wa 22/09/2017, Komite Ngenzuzi igenda ihura na buri Murenge ukwawo ikawugaragaza ibyo ubugenzuzi bwasanze bitameze neza mu Mirenge yabo. Yongeyeho ko muri iyo nama Abanyamabanga Nshingwabikorwa bari bahawe igihe cyo kugaragaza impapuro z'ibisobanuro ku makosa y'imicungire imirenge yari ifite ndetse ageza ku bari mu nama ibisobanuro ubuyobozi bw'Imirenge bwagejeje ku Bagenzuzi Bwite b'Akarere, asobanura ko nyuma yo guhura

n'ayo matsinda ku mafaranga angana na 396,982,410 atari afite impapuro zihagije ziyasobanura agera kuri 227,796,155 yasobanuwe hasigara Frw 169,186,255 atabonewe impapuro zaburaga.

Ikindi Komite Ngenzuzi yasobanuriye abari mu nama ni uko Imirenge yari ifite amafaranga y'ibirarane by'imisoro itishyuwe Ikigo cy'Igihugu cy'imisoro n'amahoro (RRA) mu mwaka wa 2014-2015 na 2015-2016 ingana na 142,877,279, iyi misoro ikaba ikomoka kuri 18%, 3%, 15% na 30% atarakaswe ku bikorwa byakozwe n'Imirenge muri iyo myaka, ariko ko mu nama ya "Public Financial Management" y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 24 Ugushyingo 2017, Ubuyobozi bw'Akarere bwasabye Imirenge yose kuba yishyuye iyi misoro bitarenze Mata 2018, asaba Inama Njyanama ko yabifataho umwanzuro.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibisobanuro Ubuyobozi bw'Imirenge bwatanze, bamaze no kungurana ibitekerezo ku nama zatanzwe na Komite Ngenzuzi muri raporo yayo bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.25.192**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bakarangiza ibibazo byose byagaragajwe n'Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere bitarenze Mata 2018. Abatagaragaje ibisobanuro bifatika bagasabwa kugaruza umutungo wa Leta.

**Umwanzuro N° 12.26.193**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Imirenge ifite ibirarane by'imisoro itishyuwe Ikigo cy'Igihugu cy'imisoro n'amahoro (RRA) mu mwaka wa 2014-2015 na 2015-2016 ikomoka kuri 18%, 3%, 15% na 30% atarakaswe ku bikorwa byakozwe n'Imirenge muri iyo myaka, ko yaba yishyuye iyi misoro bitarenze Mata 2018 nk'uko byemejwe mu nama ya "Public Financial Management" y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 24 Ugushyingo 2017.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 7.4. Amanota y'Abagenzuzi Bwite b'Akarere y'umwaka mwaka wa 2016-2017 no gushyiraho "team leader"

Perezida wa Komite Ngenzuzi yagejeje ku bari mu nama amanota y'isuzumabushobozi Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwahaye Abagenzuzi Bwite b'Akarere, amenyesha abari mu nama ko bamaze kubona ibyashingiweho bakora iryo suzuma, Komite Ngenzuzi isaba Inama Njyanama ko yakwemeza Madamu Yvonne MPAKANIYE kuba team leader w'abagenzuzi bwite b'Akarere kuko ariwe wagize amanota menshi.

Abari mu nama bamaze gusuzuma ibyasabwe na Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere no kubyunguranaho ibitekerezo ku byasabwe na Komite Ngenzuzi bemeje umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 12.27.194**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere yemeje Madamu Yvonne MPAKANIYE kuba "team leader" w'Abagenzuzi Bwite b'Akarere ka Gasabo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

7.5. **Icyifuzo na Komite Nyobozi y'Akarere cy'uko Bwana Emmanuel Hakizimana yahindururwa imirimo**

Perezida wa Komite Ngenzuzi yagejeje ku bari mu nama icyifuzo cya Komite Nyobozi y'Akarere cy'uko Bwana Emmanuel Hakizimana wari Umugenzuzi Bwite w'Akarere yahindurirwa imirimo agashyirwa mu Ishami rishinzwe guteza imbere Ishoramari n'Umurimo ku mwanya wa « SME&Cooperatives Development Officer » kubera ubushobozi Komite Nyobozi imubonamo.

Abari mu nama bamaze kugezwaho na Komite Ngenzuzi icyifuzo cya Komite Nyobozi y'Akarere, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 12.28.195**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ubusabe bwa Komite Nyobozi y'Akarere bwo guhindurira imirimo Bwana Emmanuel Hakizimana wari Umugenzuzi Bwite w'Akarere ka Gasabo agashingwa indi mirimo

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

<u>Ingingo ya munani</u>: **Raporo ya Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu Karere ka Gasabo**

Kuri iyi ngingo, Perezida wa Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu Karere ka Gasabo, yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibyo Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo imaze gukora kuva igiyeho, abagaragariza imitungo icungwa na Komisiyo n'aho iherereye. Yabagaragarije kandi amakonti ya Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu Karere ka Gasabo ifite n'amafaranga ari kuri buri konti ndetse n'uburyo izo konti zicungwa.

Perezida wa Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo yamenyesheje abari mu nama ko mu mitungo icungwa na Komite harimo amazu 19 akeneye gusanwa igenagaciro rikaba ryarakozwe, ndetse asobanura ko muri ayo mazu hari ashobora gusanwa hakoreshejwe amafaranga yinjiye ayatarutseho n'andi adashobora kwisana. Hagaragajwe ko ayo mazu akeneye gusanwa harimo inzu imwe (1) yo mu Murenge wa Kacyiru, amazu 5 yo mu Murenge wa Remera, amazu 7 yo mu Murenge wa Kimihurura n'amazu 6 yo mu Murenge wa Kimiironko.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo ya Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo, kureba imirimo Komite yakoze kuva kuva igiyeho ku wa 9/5/2017, bunguranye ibitekerezo kuri iyo raporo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 12.29.196**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu Karere ka Gasabo ibyo imaze kugeraho isaba ko amazu akeneye gusanwa yagaragaje yasanwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko nk'uko biri mu nshingano zabo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya cyenda</u>: Kuzuza Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yemenyesheje abari mu nama ko nk'uko byagaragajwe mu myanzuro y'Inama ya Farumasi w'Akarere umwe bagize Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi wari Umuyobozi w'Ibitaro bya Kacyiru yahinduriwe imirimo akaba yarahawe umwanya w'Ubuyobozi bw'Ibitero bya Muhima, akaba yari mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi nk'Umuyobozi w'Ibitaro by'Akarere mu Karere ka Gasabo kubera iyo mpamvu akaba atakiri mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere ka Gasabo. Ikindi yasobanuriye abari mu nama ni uko iyo Akarere ka Gasabo kaza kugira Ibitaro by'Akarere bimwe, yajyaga gusimburwa n'uwamusimbuye mu kazi, ariko bitewe n'uko hari n'Ibitaro bya Kibagabaga kandi nabyo ari ibitaro by'Akarere, ariyo mpamvu byashyikirijwe Inama Njyanama. Aherako asaba Umuyobozi w'Akarere wungirije abagezaho propasal yakozwe na Komite Nyobozi.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yamenyeshe abari mu nama ko Komite Nyobozi y'Akarere, ishigiye ku byasabwe n'Inama y'Abaperezida yateranye ku wa 4 Ukuboza 2017, yasabye ko hakorwa proposal y'Umuyobozi w'Ibitaro washyikirizwa Inama Njyanama kugirango ashyirwe mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere, yasabye ko Umuyobozi w'Ibitaro bya Kibagabaga Dr MUTAGANZWA Avite yashyirwa Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere agasimbura Dr RUTAGENGWA William wari waremejwe n'Inama Njyanama y'Akarere mu nama yateranye ku wa 09/12/2016 mu mwanzuro No 05.16.085.

**Umwanzuro N° 12.30.197**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye ku biteganywa n'Amabwiriza ya Minisitiri No 20/45 yo ku wa 02/11/2010 yerekeye imikorere ya Farumasi y'Akarere mu ngingo yayo ya 4, ishingiye no byasabye na Komite Nyoboziy'Akarere yashyize mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere Dr MUTAGANZWA Avite Umuyobozi w'Ibitaro by'Akarere bya Kibagabaga, asimbura Dr RUTAGENGWA William wahinduriwe imirimo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya cumi</u>: Ibintu n'ibindi**

Mu bintu n'ibindi, abari mu nama baganiriye ku gikorwa cyo kwifurizanya umwaka muhire nk'Abajyanama bemeza ko gahunda yashyirwa muri Mutarama 2018.

Inama Njyanama yari yatangiye saa mbiri n'iminota mirongo itatu n'itanu za mugitondo (08h35') yashoje imirimo yayo saa kumi n'imwe n'iminota icumi z'umugoroba (17h10), Umuyobozi w' Inama Njyanama ayisoza ashimira abayitabiriye ku bitekerezo byiza batanze.

Bikorewe i Gasabo, ku wa 11 Ukuboza 2017

Umwanditsi w'inama:

**KAREMERA Francis**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.

Umuyobozi w'inama:

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w' Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo